

IGIHE GISIGAYE NGO INCUKE ZITANGIRE

Ibisabwa bijyanye n'ubuzima

Muri Kentucky, hari Ibisabwa bijyanye n'ubuzima amashuri asaba abatangizi. Ibi bisabwa bishyirwaho n'itegeko rya leta. Abana bagomba gukorera ibizami by'ubuzima. Ibi bizami ni ingenzi kugira ngo abakozi b'ishuri babashe gufasha abana mu byo bakeneye igihe barwaye.

Ibizami by'ubuzima	Igihe ntarengwa
Ikizami cy'umubiri	Mu mezi abiri amashuri atangiye
Ikizami cy'amenyo	Bitarenze itariki ya 1 Mutarama mu mwaka w'amashuri y'incuke
Ikizami cy'amaso	Bitarenze itariki ya 1 Mutarama mu mwaka w'amashuri y'incuke



readyforkalliance.com

familieslearning.org



Abana bagomba no guhabwa inkingo zose zijiyanje n'igihe. Mu gihe cy'ikizami cy'umubiri cy'umwana wawe, baza utanga serivisi niba umwana wawe yarahawe inkingo zose. Saba kopi nshya y'icyemezo cy'ikingiza cya Kentucky. Imiryango ishobora gusaba gukurirwaho inkingo ku mpamvu z'uburwayi cyangwa **iyobokamana**. Niba umuryango ubisabye, biba bikiri ngombwa gutanga kopi y'icyemezo cy'ikingiza cy'umwana wawo. Ishuri rigomba kubona ifishi y'umwana wawe bitarenze ibyumweru bibiri amashuri atangiye.

Saba gahunda mu ntangiriro y'umwaka. Urugaryi ni igihe cyiza cyo gusaba gahunda abatanga serivisi z'ubuzima. Ku muhana hari ahantu henshi haboneka ubufasha bwagufasha kubonera umwana wawe serivisi z'ubuzima ku buntu cyangwa zihendutse.

- Wasura Family Health Centers niba ukeneye abatanga serivisi, serivisi n'amakuru mu rurimi wifuza.
- Umuuzabikorwa wa Family Resource Center (FRC) w'ishuri ryawe ashobora kugufasha akaguha itike yo gukoresha ibizami by'ubuzima. Ushobora gusaba umusemuzi ige uvugana n'abakozi ba JCPS. Ifashishe amakarita ya 'I Speak' mu gusaba umusemuzi.
- Louisville Metro Public Health and Wellness itanga inkingo ku banyeshuri b'abatangizi ku mavuriro yayo ya Newburg na Dixie. Ushaka gusaba gahunda, wahamagara kuri 502-574-5380. Ushobora no kugenzura muri dosiye y'umwana wawe niba yarakingiriwe mu Ntara ya Jefferson.